REPUBLIC OF RWANDA

Huye, on 06/10/2023
Ref. No: 2530/RFA/01

**RWANDA FORESTRY AUTHORITY (RFA)**
**P.O.BOX. 46 Muhanga**

---

## ITANGAZO

Kuma kw' ibiti bitandukanye by' amashyamba bikunda kugaragara mubice bimwe na bimwe by' igihugu mugihe cy' izuba, bikaba byaragaragaye bikabije uyu mwaka cyane cyane mugice cy' amayaga mu turere twa (Kamonyi, Ruhango, Nyanza na Gisagara).

Ni muri urwo rwego hakozwe ubushakashatsi mugice cy' amayaga kugira ngo harebwe impamvu nyirizina zishobora gutera kuma kw' amashyamba muri icyo gice cyavuzwe haruguru. Amakuru yavuye mu bushakashatsi yagaragaje ko kuma kw'amashyamba kwagaragaye mugice cy'amayaga bitatewe n'indwara cyangwa ibyonnyi, ahubwo kuma kw' amashyamba kwatewe n' igihe kirekire cy' izuba, imiterere y' ubutaka bw'urubuye n' ubwoko bumwe bw' ibiti budashobora kwihanganira guterwa muri icyo gice.

Mu myaka yatambutse mugihe cy' izuba ibibazo nkibi byagiye bigaragara muri icyo gice ariko cyarangira ibiti bikagarura ubuzima mugihe cy' imvura.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe amashyamba mu Rwanda kirasaba, abafite amashyamba n'abahinzi gukomeza ibikorwa byo gukorera no kwita kumashyamba, gutera amoko y'ibiti gakondo byihanganira imihindagurikire y'ibihe, kugisha inama mu gihe cyo gutoranya amoko y'ibiti byo gutera, hakorwa n' isuzuma ry'imiterere y'ubutaka mbere yo gutoranya amoko y'ibiti bifuza gutera.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe amashyamba mu Rwanda gikomeje gukora ubushakashatsi bwagutse kuri iki kibazo ngo kibonerwe umuti urambye.

Kubindi bisobanuro, ibibazo, amakuru, n'inama, mwanyura kuri aderesi zatanwe hepfo.

Digitally signed by
RFA(DIRECTOR GENERAL)
Date: 2023.10.06 14:16:40
+02'00'

**Umuyobozi mukuru w' ikigo cy' Igihugu gishinzwe amashyamba mu Rwanda**
**Dr. Concorde NSENGUMUREMYI**

---

**Arboretum, Huye District, Southern Province / P.O Box: 46 Muhanga-Rwanda**
**Twitter: @RwandaForestry/ Website: www.rfa.rw / Email: info**